# REPUBULIKA Y'U RWANDA

# MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI NO……004/07.01……………YO KUWA………24 JUIL 2020…………………..AGENA ITANGWA RY'IKARITA NDANGAMUNTU KU MUNTU WAYITAYE CYANGWA WAYIBWE**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku itegeko N° 14/2008 ryo kuwa 04/06/2008 rigena iyandikwa ry'abaturage n'itangwa ry'ikarita ndangamuntu ku Banyarwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10;

Ashingiye ku itegeko N°43/2011 ryo kuwa 31/10/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Irangamuntu (NIDA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;

Amaze kubona ko ikarita ndangamuntu zishobora kubura cyangwa kwibwa;

Amaze kubona ko uwabuze cyangwa wibwe ikarita ndangamuntu afite uburenganzira bwo guhabwa indi cyangwa guhabwa ikiyisimbura igihe atarahabwa indi;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agenga itangwa ry'ikarita ndangamuntu ku muntu wayitaye cyangwa wayibwe kandi ntashobore kuyibona mu gihe n'uburyo biteganywa n'amategeko n'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 2: Inzego zifite uruhare mu gushyira mu bikorwa aya mabwiriza**

Inzego zifite uruhare mu gushyira mu bikorwa aya mabwiriza ni Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Irangamuntu (NIDA), Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB), Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze (Umurenge).

**Ingingo ya 3: Uburyo ikarita ndangamuntu yatakaye cyangwa yibwe isimburwa**

Umuturage utakaje cyangwa wibwe ikarita ndangamuntu agomba kubimenyesha Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha hakoreshejwe ikoranabuhanga binyujijwe ku rubuga rwa *Irembo* mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) itakaye cyangwa yibwe. Iyo umuturage amaze kubimenyekanisha, abona ubutumwa kuri terefoni cyangwa kuri aderesi y'ubutumwa koranabuhanga (e-mail address) bumumenyesha ko imenyekanisha rye ryakiriwe, nyuma agahabwa gahunda y'igihe azagira ku biro bya RIB bimwegereye. Mu gihe cy'ubusabe uwataye cyangwa wibwe ikarita ndangamuntu ashobora guhitamo guhabwa icyangombwa gisimbura by'agateganyo ikarita ndangamuntu mu gihe itaraboneka cyangwa atarahabwa iyisimbura.

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha rukora iperereza ku bijyanye n'iyibwa cyangwa ibura ry'ikarita ndangamuntu rukabona kwemeza ko yabuze cyangwa yibwe binyuze ku rubuga rw'Irembo. Iyo Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha rwemeje ko ikarita ndangamuntu yabuze, umuturage ahabwa nimero yo kwishyuriraho amafaranga y'ikarita ndangamuntu isimbura iyatakaye cyangwa iyibwe n'icyangombwa kiyisimbura by'Agateganyo mu gihe yagisabye.

Iyo umuturage amaze kwishyura, ubusabe bwe bushyikirijwe Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Irangamuntu (NIDA) hifashishijwe ikorabuhanga kugirango hakorwe ikarita ndangamuntu isimbura iyibwe cyangwa yatakaye, ndetse bukanohererezwa umwanditsi w'Irangamimerere w'Umurenge umuturage usaba yahisemo, akemeza icyangombwa gisimbura Ikarita ndangamuntu by'agateganyo. Iyo bimaze kwemezwa n'Umwanditsi w'Irangamimerere umuturage abona ubutumwa bugufi bumumenyesha ko icyangombwa gisimbura ikarita ndangamuntu by'agateganyo cyabonetse.

Iyo ikarita ndangamuntu imaze gukorwa umuturage ahabwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa kuri aderesi y'ubutumwa koranabuhanga (e-mail address) bumumenyesha aho indangamuntu yoherejwe akajya kuyifata.

Icyangombwa gisimbura ikarita ndangamuntu by'agateganyo kigira agaciro mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) uhereye ku munsi cyashyiriweho umukono.

**Ingino ya 4: Uko ikarita ndangamuntu zibonetse nyuma yo kwibwa cyangwa gutakara zishyikirizwa Umurenge**

Umukozi wa RIB mu ifasi ashyikiriza ibiro by'irangamimerere by'Umurenge ikoreramo ikarita ndangamuntu ibonye zari zaratakaye cyangwa zaribwe mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) izibonye.

inyandiko iherekeje izo karita ndangamuntu igomba kugaragaza ibikurikira:

a) Amazina y'uwataye ikarita ndangamuntu;
b) Aho ikarita ndangamuntu yatangiwe;
c) Itariki ikarita ndangamuntu yakiriweho;

Umukozi ushyikirijwe iyi nyandiko n'ikarita ndangamuntu zavuzwe, abitangira icyemezo cy'iyakira.

**Ingingo ya 5: Uko ikarita ndangamuntu zabonetse nyuma yo kwibwa cyangwa gutakara zishyikirizwa abaturage**

Umurenge washyikirijwe ikarita ndangamuntu zatakaye ushyira itangazo ku Biro byawo ndetse no kuri "website" y'Akarere rimenyesha abaturage ko hari indangamuntu zatoraguwe n'inyandiko iriho amazina ya ba nyirazo mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2).

Umurenge washyikirijwe ikarita ndangamuntu zatoraguwe ugeza ku Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Irangamuntu ikarita ndangamuntu zatoraguwe z'abaturage batabarurirwa muri uwo Murenge mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), kugirango zoherezwe mu Mirenge ba nyirazo babarurirwamo.

**Ingingo ya 6: Isimbuzwa ry'Ikarita ndangamuntu**

Iyo ikarita ndangamuntu yabuze cyangwa yibwe isimbuzwa indi nshya. Ni nako bigenda iyo hakozwe indi karita ndangamuntu kubera guhindura bimwe mu bigize umwirondoro w'umuturage bigaragara ku ikarita ndangamuntu.

**Ingingo ya 7: Kudafatirwa kw'ikarita ndangamuntu**

Bitanyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko nta muntu wemerewe gufatira ikarita ndangamuntu ku mpamvu iyo ariyo yose cyangwa mu buryo ubwo aribwo bwose usibye inzego zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 8: Ibihano**

Umuntu wese wataye cyangwa wibwe ikarita ndangamuntu ntasabe iyisimbura mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) uhereye igihe yayitereye cyangwa yayibiwe, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000 FRW) nk'uko biteganywa mu ngingo ya 12 y'itegeko n°14/2008 ryo kuwa 04/06/2008 rigena Iyandikwa ry'Abaturage n'Itangwa ry'Ikarita Ndangamuntu ku Banyarwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu.

**Ingingo ya 9: Gutakaza agaciro kw'Ikarita ndangamuntu yasimbujwe indi**

Ikarita ndangamuntu yabuze cyangwa yibwe ntishyikirizwe inzego ziteganywa n'amategeko cyangwa n'aya mabwiriza itakaza agaciro ku munsi iyisimbura yasohokeyeho.

**Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye nayo zikuweho.

**Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

**Bikorewe i Kigali, kuwa** 24/07/2020

**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU